ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 22 Ukuboza 2022, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi waryo, Depite UWANYIRIGIRA Gloriose.

Ku murongo w'ibyizwe hari:

(1) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo ku wa 29/09/2022;
(2) Kugezwaho ikiganiro kuri « Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere ikoranabuhanga n'itumanaho mu rwego rwo gutanga serivisi nziza: ibipimo biteganyijwe, ibyagezweho, imbogamizi, n'ingamba»;
(3) Kungurana ibitekerezo kuri raporo y'ibimaze kugerwaho na Komite ishinzwe kubonera Ihuriro aho rikorera ridakodesha.

Inama Rusange yagiranye ikiganiro na Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Madamu Ingabire Paula wagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2005, u Rwanda rwashyize imbaraga mu bijyanye no gutanga serivisi z'ibanze hifashishijwe ikoranabuhanga mu nzego za Leta.

Yagaragaje kandi ko kuva mu mwaka wa 2015, hashyizweho urubuga Irembo ahatangiye gutangirwa serivisi nyinshi zikenerwa n'abaturage. Icyifuzo cya Guverinoma y'u Rwanda ni uko kugeza mu mwaka wa 2024, serivisi zose zikenerwa n'abaturage zizaba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

Mu bimaze kugerwaho, harimo serivisi zigamije kunoza imikoranire y'inzego za Leta, serivisi z'ikoranabuhanga mu gutwara abantu, kurengera ibidukikije, guteza imbere kutagendana amafaranga (*cashless*) n'ubucuruzi bukoresha ikoranabuhanga n'ibindi.

Mu gukomeza kunoza imitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga, Minisitiri yavuze ko hatangiye kuvugururwa urubuga Irembo mu buryo bwa gihanga bityo bikazoroshya ndetse bikazihutisha ikorwa rya za porogaramu zifasha mu gutanga serivisi. Ibi bizatuma hashobora gukorwa nka serivisi 200 ku munsi umwe. Ikindi ni ukongera umubare w'abafashamyumvire mu ikoranabuhanga no gukora ubuvugizi ku kugabanya ikiguzi cya telefoni.

Mu mbogamizi, Minisitiri yagaragaje ko kugeza ubu umubare wa telefoni (smartphones) ukiri muto mu baturage, bityo bikabazitira kugerwaho na serivisi z'ikoranabuhanga.